# IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAME JEANNETTE KAGAME

## Mu Ihuriro ry'Urubyiruko 'Igihango cy'Urungano'

**KU WA 8 KAMENA 2024**

**INTARE CONFERENCE ARENA**

**Rubyiruko, bana bacu,**

**Bayobozi mu nzego zitandukanye z'igihugu cyacu,**

**Abahagarariye imiryango y'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi,**

**Bafatanyabikorwa,**

**Mwiriwe neza!**

- Turibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi kandi duhora twibuka. Uyu munsi twawuhariye kwibuka urubyiruko, abana b'U Rwanda ndetse n'imiryango yabo, bose bishwe agashinyaguro!

- Kwibuka rero, ni igihango twagiranye nabo, ariko kandi ni igihango twagiranye hagati yacu. Abatekereza ko hari ubwo tuzabireka, bahumure ntibizatubaho!

**Bana bacu**

- Muri iyi myaka 30, igihugu cyagerageje uko gishoboye, kugira ngo tubarerere mu gihugu gitekanye kandi buri wese afitemo umwanya!
- Kubera amateka ya Jenoside ariko, ntabwo ibyo byari bihagije, twagombaga no gutekereza uko mubana natwe twavukiye tugakurira mu mateka asharira y'igihugu cyacu.

- Munyemerere mbibutse gato, aho igihango cy'urungano cyaturutse ndetse n'impamvu. Igihango cy'urungano cyaturutse k'Urunana rw'urungano mwiyemeje kugirana, ubwo twari tumaze igihe dukora ihuriro twise **"Umuseke mushya - the New Dawn."**

- Iri huriro ryatekerejwe kugira ngo urubyiruko rubone urubuga rwo kuganiriramo ibikomere bitandukanye byaturutse kuri Jenoside, kuko twebwe nk'ababyeyi bijya bitugora kubasobanurira amateka twabayemo.

- Igihugu kibona urubyiruko nk'imbaraga zikomeye zubaka kandi vuba. Nyamara kubaka, abantu bagendana ibikomere byari bigoye. Byari ngombwa rero, ko hatekerezwa urubuga abato baganiriramo, bakabasha kubohoka no kubana neza nabyo, kugira ngo bubake igihugu nabo ubwabo bubakitse.

- Urubyiruko rwasohotse muri ibyo biganiro rwiyemeje kunga "*urunana rw'urungano*" no kugirana "*Igihango cy'Urungano*".

- Ntekereza ko hari benshi byafashije ubu bakaba bari imbere mu rugendo rwo kubaka u Rwanda.

**Bana bacu,**

- Nyuma ya Jenoside byose byarihutirwaga. Ariko ku isonga hakaba kwirenga no kubaka ubumwe bwacu, kwishakamo imbaraga zo kongera kubaka u Rwanda kuko ariyo ngobyi iduhetse.

- Nk'uko bikunze kuvugwa rero, buri **Generation** igira mission yayo. Twebwe Abakuru tubashimira ko mwumvise tutavuze! Igihango mwagiranye gikubiyemo kumenya u Rwanda n'amateka yacu, kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi, kubana neza n'ibikomere yadusigiye maze mugafatanya kubaka u Rwanda.

- Twabonye bamwe mugira intege zo kuvuga no kwandika ibyababayeho:

  Twavuga nka Consolée Nishimwe watinyutse kutwandikira ubuhamya bwe muri "**Tested to the limit**", atubwira uko gufata ku ngufu byakoreshejwe nk'intwaro ikomeye muri Jenoside.

  Albert nawe muri "**Ma mère m'a tué**", atubwira uko mama we yishe umuryango we.

Muri “**Moi le dernier Tutsi**”, Karoli, atubwira inzira y’umusaraba y’abari bato muri Jenoside ndetse n’abandi.

- Twabonye kandi n’abanditse batugira inama ku hazaza nka Irakoze watwandikiye “**That child is me**” atubwira Jenoside mu myumvire y’umwana ndetse na “**Transmitting Memories in Rwanda**” atwereka uruhererekane rwo kwibuka aya mateka.

- Hari na Akaliza Laurette, umaze kutwandikira “**Wet under the rainbow**” - atubwira ukuntu abana bavutse nyuma ya Jenoside, mutinya kubaza ababyeyi no gushaka kumva amateka yacu ndetse na “**Rebounce**” yerekana uruhererekane rw’ubudaheranwa.

- Hari ibikorwa bitandukanye by’*Inama y'Urubyiruko n’abakorerabushake*. Hari kandi n’urubyiruko ku giti cyabo, biyemeje kurenga ibikomere bafite bakajya mu bikorwa bifasha umuryango nyarwanda. Aha twavuga nka Gasore wabaye n’Umurinzi w’igihango, washinze umuryango *Gasore Foundation*, wita cyane ku burezi n’iterambere.

- Ntitwakwibagirwa imiryango nka *Our Past* mu kwibuka no kwita ku batishoboye. *AERG na GAERG* mu gushinga za familles zabafashije guhangana n’ingaruka za Jenoside, no guharanira ubuzima bwiza bwo mu mutwe.

- Hari kandi ibikorwa byo kwibuka no gushimira abarokoye abantu n'abatabaye igihugu hatangwa *"Inka y'ineza".*

- *Umuryango PLP* mu bikorwa byo kwibuka no gukangurira urubyiruko kumenya no kurwana ku mateka yacu imbere no hanze y'igihugu. N'ibindi bikorwa byinshi ntarondora mukora mugamije kubaka iki gihugu.

- **Turabashimira rero, kuko mwumvise tutavuze!**

**Rubyiruko bana bacu rero,**

- Ntacyo tutakoze kugira ngo tubashe guharanira kujya imbere. Uyu munsi rero, mubaye mufite ikibazo cyo gukomeza aho tugejeje ikivi, twakwibaza niba ari abakuru tutagerageje uko dushoboye cyangwa byaba ari abato batumvise, ngo barebe kandi bamenye uko bakomeza! **Ndagira ngo mbasabe mwese kubitekerezeho.**

- Urubyiruko mugize umubare munini w'Abanyarwanda! Ntabwo rero twifuza kubabwiriza uko muzabigenza. Ibibazo turwana nabyo ubungubu bifite isura yindi ibasaba namwe gutekereza inzira y'urugamba mufite.
- Muhumure ntituzahwema kubagira inama no kubaba hafi ariko amateka y'indi myaka 30 ije kandi inarenga, ni mwe muyandika!

- Ni urugamba rero rusaba kutajenjeka na gato. Igihe tubonye uwashaka guhungabanya ibyo twagezeho, yaba avuga, yandika cyangwa agerageza no kubikora, kuko tuzi aho byatugejeje. Ni inshingano yacu yo kumwamagana, kumurwanya no kumutsinda.

**Rubyiruko Bana bacu,**

- Byarashobokaga ko nyuma ya Jenoside twiremamo ibice, tukarangwa n'ivangura, ariko twahisemo kuba Abanyarwanda, twahisemo ubumwe. Ntabwo ari uko ari byo byari byoroshye, ahubwo ni uko ari wo murage wonyine dukwiye gukomeza guhererekanya, uko ibisekuru bikurikirana.

- Mu mateka y'ahandi hagiye haba Jenoside, byagaragaye ko aho ayo mateka atavuzweho bihagije byarushijeho guha urwaho abayagoreka, bakomeza guteza urujijo ku bakoze Jenoside n'abayikorewe, n'ibindi bigamije guhisha ukuri cyane ku bato bakibyiruka.

- Mu rugamba dufite rero rwo kurwanya ingengabitekerezo, ipfobya n' ihakana bya Jenoside, dukwiye kurushaho gushyira imbaraga mu burezi ndetse n'ibiganiro nk'ibi.

- Aha ndaboneraho n'umwanya wo gushimira abafatanyabikorwa dufatanya, mu kubongerera ubumenyi ku mateka yacu, binyuze mu biganiro bya podcasts hamwe na *"rencontres littéraires"* zinyuzwa ku mbuga za 'Kwibuka' n'ahandi.

**"Generation 3.0!"- BenURwanda,**

- Nk'abakuru, tubafitiye icyizere, kandi twifuza kubibona tukiriho, tukababona mwubaka uru Rwanda, mururinda mururwanirira, ngo rukomeze kuba igihugu twifuza namwe muzasigira generations zibakurikiye.

- Ntabwo mukiri abana bo kwerekerwa muri byose ariko na none nta we ukura ngo agere aho atagirwa inama. Mutwegere rero, mudusangize ibitekerezo byanyu. Mumenye abo musabana nabo, mumenye guhitamo inshuti nziza, muzirikana ko ari zo muryango wanyu w'uyu munsi n'ejo.

- Ubu muri mu nshingano zo kuyobora iki gihugu cyacu cyabareze kandi kibakunda. Mu "Budasa" bwacu muhagararane ishema mugire n'ubushishozi.

- Mujye mwibuka iteka ko abaharaniye agaciro k'igihugu cyacu, bari urungano rwanyu. Bashyize igihugu ku murongo, banemeza ko u Rwanda ruzarera urungano rushya "**A new generation**."

- Igihango cy'urungano rwabo, kibabere isezerano ryo kurinda ibyagezweho mu kongera kubaka u Rwanda. Imiyoborere yita ku muturage kandi idaheza, iterambere ry'ubukungu, n'imibereho myiza byubakiye ku muco wacu, ntacyo twabinganya. Gutsindwa rero cyangwa kunanirwa, ntibiri mu mahitamo yanyu! u Rwanda ruhore mu mutima, ubwenge no mu maboko yanyu.

**Bana bacu, BenURwanda**

- Nyuma y'iyi myaka 30 rero, dutekereza ko mutazagira muti "**Umubyeyi akuraga ibyamunaniye**" ahubwo muvuga muti "**Umubyeyi akuraga ibyo uzakomeza ukanarushaho**."
- Twizeye tudashidikanya rero ko muzakomeza ***igihango cy'urungano***, kuko muri ***BenURwanda!***

**Murakoze!**

**Dukomeze kwibuka twiyubaka!**